MUNYARIHAMYE Yohani Berikimasi
C/O Komini Musebeya
G I K O N G O R O

Le 28/09/1996

- Cl
- Inyo - Silas

24/10/90

Bwana Umuyobozi Mukuru wari Ministeri y'
Urubyiruko n'Amashyirahamwe
K I G A L I

Impamvu : INGANDO z'Urubyiruko

Bwana Muyobozi,

Kugira ngo Ingando z'Urubyiruko zirusheho kugenda neza, bibaye ngombwa ko mbandikira mbagezaho ibitekerezo njye mbona byarushaho gutuma Ingando zita/zigenda neza.

Ibyo ni ibi :

1. Mukubaka amazu abaje mu ngando bazabamo, byaba byiza abamenyereye ku byubaka bagiye bahagera mbere yabo mu ngando bakabyubaka bahari. Ibi bizatulinda isana rya buri kanya, iyangilika ry'ibikoresho n'imibyizi ipfa ubusa.
2. Byaba byiza kuri buri ngando bagiye bateganyije nibura iNyundo 8, Imetero 3, Imigozi 20, Imisumali isanzwe ya CM 8 + CM 12nka 50, n'iyamabati 50 Kilos, Inkero 4.
3. Ko mu ma Prefegitura atarakorwamo ingando, mu nama zizitegura bajya batumiramo abo mu ma Perefegitura zabayemo kugirango bungurane ibitekerezo mbere y'igihe. Ibi bizatulinda guhora dukora amakosa amwe buri gihe.
4. Kugira ngo ubuzima bw'abari mu ngando burusheho kugenda neza cyane, byarushaho kuba byiza hagiye haboneka abaganga biyemeza kuba mu ngando bakabana n'abayilimo.
   Mugihe kandi ali kure y'Ivuliro byarushaho kuba byiza hizwe uburyo imodoka, ipikipiki basohakera limwe ntihagire igisigara mu kigo.

Mbashimiye uburyo mwakira ibitekerezo mbagejejeho. Murakoze

MUNYARIHAMYE Yohani Berekimansi

[signature]